

REPUBLIKA Y'U RWANDA



URUKIKO RW'UBUCURUZI

P.O.B: 6731

TEL: +250786654430

E-mail: [info-tc@judiciary.gov.rw](mailto:info-tc@judiciary.gov.rw)

ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA  
ABA MU RWANDA HAZWI CYANGWA UDAFITE AHO ABA HAZWI.

Umwaka wa 2021, umunsi wa 29 w'ukwezi kwa Nzeri ;

Twebwe, BWASISI MUGABO Germain Perezida w'Urukiko rw'UBUCURUZI, dufashijwe na MUKAKAMALI Florentine Umwanditsi w'urwo rukiko ;

Tumaze kubona ikirego n° RS/SCP/RCOM 00230/2021/TC cyatanzwe na SAGER GANZA MICROFINANCE LIMITED ibarizwa mu Mudugudu w'Ubucuruzi, Akagari ka Nyabugogo, Umurenge wa Muhima, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali ;

Irega IMANIRABARUTA JMV na NYIRABUGINGO Donatha bari batuye mu Mudugudu wa Rwankuba, Akagari ka Agateko, Umurenge wa Jali, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ubu badafite aho babarizwa hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga ;

Urubanza ruzaburanishwa kuwa 29/12/2021 saa tatu ;

Dushingiye ku ngingo za 45 na 6 z'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko amahamagara ya IMANIRABARUTA JMV na NYIRABUGINGO Donatha amanikwa ku Rukiko rw'ubucuruzi no ku Nkiko zose zisumbuye ahamanikwa amatangazo mu gihe cy'amezi abiri.

Kopi y'ikirego azayisanga mu Bwanditsi bw'uru Rukiko.

Iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru THE NEW TIMES.

Bikorewe mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.


BWASISI MUGABO Germain Perezida




MUKAKAMALI Florentine Umwanditsi

Me NYIRANZEYIMANA Fortline  
Umuhesha w'inkiko w'umwaka





CABINET D'HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL  
**IBIRO BY'UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**  
 PROFESSIONAL BAILIFF OFFICE  
 Me NYIRANZEYIMANA Fortunée  
 Kigali City, NYARUGENGE District , Nyarugenge sector  
 Tel: +250 788711060 ; e-mail :nfortun195@gmail.com



**INYANDIKO IMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA** *A H A T A Z W I*

Umwaka wa 2021 umunsi wa 04 w'Ukwezi k'Ukwakira ;

Mbisabwe na SAGER GANZA MICROFINANCE PLC ;

Njyewe Me NYIRANZEYIMANA Fortunée, Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga;

Nshingiye ku Itegeko N° 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Nshingiye ku itegeko no: 12/2013 ryo kuwa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko b'umwuga mu Rwanda ;

Mbamenyesheje ku mugereke w'iyi nyandiko imikirize y'urubanza RS/SCP/RCOM00927/2020/TC .

(16) Urukiko rwemeje ko ikirego Cya Sager Ganza Microfinance PLC gifite ishingiro.

(17) Rwemeje ko NDAGIJIMANA Theogene, Mushinzimana EMMANUEL, ntirenganya Cyprien , NIYOMWUNGERI Theoneste , NYIRANZAYIRWANDA CONSOLEE, NA NGENDAHIMANA Joseph bagomba kwishyura SAGER GANZA MICROFINANCE PLC buri wese amafaranga agizwe n'umwenda remezo, Inyungu zaho n'indishyi z'ibyakozwe ku rubanza .

(18) Rutegetse ko buri wese agomba kwishyura umwenda yahawe mu buryo bukurikira:

1. NTIRENGANYA Cyprien : 2,185,881 frw , 2. NDAGIJIMANA Theogene : 2,185,881 frw , 3. NGENDAHIMANA Joseph : 2,185,881 frw , 4. NIYOMWUNGELI Theogene :1,085,881 frw , 5. NYIRANZAYIRWANDA CONSOLEE :1,185,881 FRW , **6.MUSHINZIMANA Emmanuel:1,085,881 frw** , abatsinzwe bose utazishyura ku neza urubanza rumaze kuba indakuka , akazishyuzwa ku ngufu za Leta .

*N.B: Iyi nyandiko imanitswe ku nk'ko tote bisumbuye zo mu Rwanda.*

**UMENYESHEJWE**

**MUSHINZIMANA Emmanuel**

**Me NYIRANZEYIMANA Fortunée**

**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**

